# Kwiyuhagira ku munsi wa gatanu (Idjuma) ni itegeko kuri buri wese wirotera, no koza amenyo, ndetse no kwisiga umubavu igihe awufite

Hadith yaturutse kwa Amri Ibun Sulaymi wari umusangwa w'i Madinat (Al Answariy) yaravuze ati: Ndahamya ko Abu Said yavuze ati: Ndahamya ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Kwiyuhagira ku munsi wa gatanu (Idjuma) ni itegeko kuri buri wese wirotera, no koza amenyo, ndetse no kwisiga umubavu igihe awufite.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko kwiyuhagira ku munsi wa gatanu (Idjuma) ari itegeko nk'andi mategeko kuri buri wese w'igitsinagabo mu bayisilamu barebwa n'itegeko ryo kwitabira iswalat y'imbaga yo ku munsi wa Idjuma. Kandi ko agomba gusukuza amenyo ye n'umuswaki cyangwa se ikindi nkacyo. Kandi ko agomba kwisiga imibavu ihumura kandi myiza.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10036

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee